Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatawaje inshuro ebyiri ebyiri

Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Zayd (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatawaje inshuro ebyiri ebyiri.
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) rimwe na rimwe iyo yatawazaga, yakarabaga buri rugingo mu ngingo zo gutawaza inshuro ebyiri ebyiri, igakaraba uburanga - harimo no kujuguta amazi no kuyashoreza, yarangiza ikanakaraba amaboko yayo ndetse n'ibirenge byayo byombi inshuro ebyiri.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65082